# IGITABO CY'UBUBASHA BWO KURURUTSA IBYIZA BY'IJURU MU ISI

## MUTAGATIFU SAINT GERMAIN



UBUTUMWA BWAKIRIWE NA Sr MARCIANE

28 MUTARAMA 2024

MONAKI

COPYRIGHT 2024 MONAKI
Tous droits réservés.

## Ingingo zigize igitabo : UBUBASHA BWO KURURUTSA IBYIZA BY’IJURU MU ISI

Ingingo zigize igitabo : UBUBASHA BWO KURURUTSA IBYIZA BY’IJURU MU ISI ....................................................1

**MUTAGATIFU SAINT GERMAIN : IGITABO CY’UBUBASHA BWO KURURUTSA IBYIZA BY’IJURU MU ISI** ......................................................................2

**INTANGIRIRO** .......................................................................2

**1. UMUTIMA W’URUKUNDO W’IMANA DATA NI YO SOKO Y’IBYIZA BYA MUNTU** ..........................................13

**2. ABUBAHA BAKUMVIRA DATA BAGIZWE IMBARUTSO Z’IBYIZA BY’IJURU MU ISI** .........................20

**3. UBUBASHA BW’IJURU MU ISI IYUNGURUYE** ........27

**4. IBIKORWA BY’UBURUMBUKE MU ISI** ....................32

**UMWANZURO** ..........................................................................39

## MUTAGATIFU SAINT GERMAIN : IGITABO CY'UBUBASHA BWO KURURUTSA IBYIZA BY'IJURU MU ISI

TARIKI YA 28 Mutarama 2024

## INTANGIRIRO

Ububasha bw'Imana buraganje kandi ibyiza by'agatangaza Uhoraho Imana yageneye Mwene Muntu kandi yamuremeye dukomeje kubisakaza mu Isi yose kandi dukomeje kubigaragaza kuko dukomeje gukuraho icyabaye imbogamizi imbere ya Mwene Muntu kandi icyabaye inenge kandi kikaba umuzigo imbere ya Mwene Muntu bityo ntabashe kwakira urukundo rw'Imana kandi ntabashe kwakira ububasha bukomeye kandi imbaraga z'agatangaza zituruka muri DATA, kuko dukomeje kuzigaba kandi dukomeje kuzisakaza kugira ngo Isi yose ikuburwemo ikibi cyose cy'umwanzi kandi Isi yose ikuburwemo ubwiyemezi bwose bw'umwanzi bwatumye Mwene Muntu atamenya ububasha bw'Imana yahanze byose kandi ububasha bw'umwanzi ntibutume Mwene Muntu amenya urukundo rw'Imana yamukunze kandi yamuremesheje.

Uhoraho Imana rero Umuremyi wa byose kandi we wahanze Isi ayikunze kandi akayihanga mu bubasha bwe, bityo akayishyiraho ibikorwa bye aje kururutsa byose kandi aje kugaragaza byose mu mbaraga ze kugira ngo yereke Mwene

Muntu aho umwanzi yahindanyije ibikorwa yari yarashyize mu Isi kandi yari yarageneye Mwene Muntu byo kumubeshaho ndetse no kumutunga, kuko ari igihe cyo kugira ngo bigaragare, ibyapfutswe n'umwanzi kandi ibyazimijwe n'umwanzi akabirenzaho ibikorwa bye kandi akabirenzaho imbaraga ze kugira ngo ibyo byose bishyirwe ahagaragara kandi byose bigaragare kuko Isi DATA yayiremeye ubukungu bukomeye kandi akayiremeramo ibikorwa bye bigomba gutunga Mwene Muntu kandi bigomba kumubeshaho no kumuha kuyoboka ukuri kw'Imana ihoraho kandi kuyoboka urukundo rwa DATA.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ibyo bikorwa byigaragaze kandi imbaraga zacu zivugurura byose kandi zihindura byose, zisukura Isi kugira ngo iringanizwe kandi ikurwemo udusindu twose twashyizwemo n'umwanzi, tukaba dukomeje kubugaragaza mu bubasha bw'Ubutatu Butagatifu, kuko hari byinshi bigomba gukorwa mu Isi yose kandi hari byinshi bigomba kumvikana kugira ngo ikimenyetso cy'ubumwe DATA afitanye n'ibiremwa yahanze gikomeze kugaragara kandi gikomeze kwigaragaza bityo Luciferi na we atsindwe kandi atsiratsizwe mu biremwa bya DATA.

Ni igihe rero cyo kugaragaza byose mu rukundo kandi ni igihe cyo kumvikanisha byose mu ituze n'amahoro, kuko Mwene Muntu agomba kubeshwaho n'urukundo rw'Imana kandi agomba kubaho mu ituze n'amahoro nta gusahuranwa, kuko ibikorwa bya DATA bigomba gutunga bose kandi ibyo yahangiye Mwene Muntu byo kumubeshaho, kumutunga,

byose bikaba bihari kugira ngo biramire Mwene Muntu kandi abigaragarizwe kandi abibone ko urukundo rw'Imana ruriho muri byose kandi urukundo rw'Imana yarushyize mu biremwa byose kandi akarugenera Mwene Muntu hakiri kare kugira ngo ruzamuyobore kandi ruzamwereke icyiza.

Ni igihe rero cyo kugaragaza byose kandi ni igihe cyo kumvikanisha byose mu Isi yose kugira ngo ikibi kandi icyabaye imbogamizi ya Mwene Muntu gituma atabona urukundo rw'Imana kandi gituma yigundira kandi akikunda cyose kigende gikurwaho kuko imbaraga z'umwanzi zigomba gutsindwa bityo urukundo rwa DATA rukagaragara kandi rukumvikana mu biremwa byose mu buryo buringaniza byose kandi mu buryo bushyiraho byose ; ni igihe rero cy'ububasha budasanzwe kandi ni igihe cy'imbaraga zidasanzwe zigomba kuvugurura byose kandi zigomba guhindura byose mu Isi kuko ibikorwa byose by'umwanzi bigomba gukurwaho kandi imbaraga zose z'umwanzi zikigizwaho, maze ububasha bwa DATA bukaramira bose kandi bukavugurura buri kimwe cyose mu kiremwa mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika.

Ni igihe cyo gushyiraho intangiriro ya byose kandi cyo gushyiraho ubuzima busabana kandi ubuzima buhuriye mu mahoro kandi buhuriye mu musangiro w'abana b'Imana kuko ikiremwa muntu kandi ubuzima bwa Mwene Muntu bubereyeho kubaho mu rukundo rw'Imana kandi bubereyeho kuramya DATA ndetse no kumukunda mu kumukorera mu byishimo n'urukundo kuko hari byinshi bigomba kuzuzwa

kandi hari byinshi bigomba kugaragara kugira ngo ibyiza bya DATA byumvikane kandi urukundo rwe ruhoraho rugaragare kandi rugaragarire buri kiremwa cyose mu buryo buhindura byinshi kandi mu buryo bugamburuza imigambi yose y'umwanzi, kuko hari byinshi bigomba gukorwa mu buzima bwa Mwene Muntu kandi hari byinshi bigomba kuvugururwa mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo abeshweho n'integuro ya DATA kandi abeshweho n'urukundo rwe ruhoraho.

Ni Ububasha rero bugomba kuvugurura byose kandi ni ububasha bugomba guhindura byose kandi bugaha Mwene Muntu injyana y'icyiza kandi bukamuha injyana y'urukundo kugira ngo iteka yumve ko urukundo ari rwo ruhatse byose kandi yumve ko urukundo ari rwo rugomba kumuha byose kandi rugomba kumugwiriza byose kuko uriho mu rukundo atagundira kandi uriho mu rukundo atagira umururumba kuko asangira byose n'abandi kandi akabaho mu byishimo n'abandi ; twaje rero mu Isi kugira ngo tuvugurure byose kandi twaje mu Isi kugira ngo dutazanure byose, bityo ububasha bw'Imana ihoraho bwumvikane kandi Isi yose ibe umutako wa DATA mu buryo bugaragarira Mwene Muntu kuko Uhoraho Imana azi icyo yahangiye Isi kandi akaba azi urukundo yifuza ko Isi igomba kugira kandi igomba kwakira kuko iri mu bikorwa by'amaboko ye kandi iri mu bikorwa yahanze kugira ngo bimunyure kandi bimushimishe iminsi yose kandi Isi akayishyira Mwene Muntu adatunguwe, kuko yamushyiriyemo kugira ngo abemo mu rukundo kandi akamushyira mu Isi kugira

ngo abeshweho n'imbaraga zikomeye za DATA, ahore iteka arangamiye uruhanga rwa DATA kugira ngo amenye ibikorwa bimutunga kandi amenye ibikorwa bimubeshaho aho bituruka kuko bituruka mu Muremyi wa byose.

Tuje rero kuvugurura byose mu Isi yose kandi tuje kugaragaza ububasha bukomeye kuko DATA yabyemeye kandi agafungura Ijuru kugira ngo dusakare mu Isi yose kandi dusenderere Isi yose tuvugurura byose kandi dukuraho imfuruka zose z'umwanzi kugira ngo ubuyobozi bwacu bwigaragaze kandi ukuri n'ibyishimo bikomoka muri DATA twazaniye Isi kugira ngo byakirwe habanje gukurwaho ibikorwa byose by'umwanzi kandi habanje gukurwaho ubuvunderi bw'umwanzi kandi ubumara bwose bw'Umwanzi kuko bugomba kubanza gukuburwa kandi bugomba kubanza kwigizwayo, bityo ibyishimo byacu bihoraho bikagaragara kandi ibyishimo byacu bisendereye bikumvikanira ikiremwa cyose kandi bikagaragara mu Isi kuko ibyo umwanzi yagiye ashyiramo amapfundo kandi ibyo umwanzi yagiye agira insobe, byose bigomba gusobanurwa n'ububasha bwacu kandi byose bigasobanurwa n'imbaraga zacu zikomeye kandi imbaraga zacu zimbitse ; hari byinshi rero bigomba kugaragara kandi hari byinshi bigomba gushyirwa ahagaragara kandi bigomba kumvikana mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo amenye imbaraga za DATA kandi amenye urukundo rwe muri byose, kuko Mwene Muntu agomba gusukurwa kandi Mwene Muntu agomba gukurwaho ikizira cyose umwanzi yagiye avanga mu buzima bwe bityo akakira ububasha bw'Imana isumba byose kandi akakira

imbaraga za DATA zigomba kumuha kugera ku ntsinzi y'ibyishimo kandi kugera ku ntsinzi y'urukundo ruhoraho n'uburumbuke n'ibikorwa bigomba kumvikana mu Isi yose kandi bigomba kwigaragaza.

Ni igihe rero cyo kugaragaza uburumbuke nyakuri mu Isi yose kandi ni igihe cyo kugaragaza ko inkomoko y'ibyiza kandi inkomoko y'umugisha nyakuri ukomoka muri DATA kandi ugaturuka mu rukundo rwe, kuko DATA ari we soko y'uburumbuke kandi akaba isoko y'ibyiza byose by'agatangaza Mwene Muntu agomba guhabwa kandi Mwene Muntu agomba gutunga, nta kimuvogereye kandi nta kimukuye mu biganza bya DATA ; hari byinshi rero twaje gusobanura mu Isi kandi hari ububasha twururukije mu Isi kandi dukomeje kururutsa kugira ngo buri kimwe cyose kiremerwe mu bubasha bwa DATA kandi buri kimwe cyose gikorerwe mu mbaraga ndetse no mu buyobozi bwa DATA bityo imikorere yacu igaragare mu buzima bwa Mwene Muntu kandi ububasha bwacu bugomba gutanga uburumbuke nyakuri bwumvikane kandi Mwene Muntu abashe kubwumva ndetse no kubwakira kuko hari byinshi bigomba gukorwa mu buzima bwa Mwene Muntu kandi hari byinshi bigomba kumvikana mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo integuro y'urukundo rwa DATA igaragare kandi integuro y'ububasha bw'Umuremyi wa byose yumvikane kandi igaragarizwe ubuzima bwa Mwene Muntu kuko Isi yose igomba kuvugururwa kandi Isi yose igomba gukuburwa mu buryo bugaragara kandi mu buryo buboneye, kugira ngo DATA na we atereke ibyiza kandi agaragaze

ububasha bwe bukora byose kandi agaragaze ububasha bwe bwaremye byose kandi bwahangiye Mwene Muntu ikizamubeshaho ndetse n'ikizamutunga, kuko ari intangiriro ya byose kandi ari intangiriro yo kubaho kwa Mwene Muntu mu buryo bw'urukundo kandi mu buryo busesuye ibyishimo kuko umwanzi agomba gutsiratsizwa kandi agomba gukurwa mu mayira, bityo ibikorwa bya DATA bikigaragaza kandi bikumvikana mu buzima bwa Mwene Muntu.

Hari byinshi rero bigomba gukorwa mu Isi yose kandi hari byinshi bigomba kwigaragaza mu Isi kugira ngo urukundo rwa DATA rwumvikane kandi ububasha bwe bwatsinze bugomba kumenyekana kandi bugomba kwigaragaza bugaragarire buri kiremwa cyose kandi bwumvikane mu Isi mu buryo bwuzuye kandi mu buryo buhagarika ikibi cyose cy'umwanzi kandi buhagarika imigambi yose y'umwanzi ; hagomba rero gukorwa ibikorwa bikomeye mu Isi yose kandi hagomba kugaragara imbaraga zikomeye mu Isi, kugira ngo urukundo rwacu rwigaragaze kandi imbaraga zacu zatsinze, zigomba gutsindira buri wese kandi zigomba kumvikanisha ibyiza ndetse n'ububasha bwacu nk'ab'Ijuru mu Isi yose bikagaragara kandi bikumvikana mu buzima bwa Mwene Muntu.

Dukomeje rero kururutsa ibyiza byacu kandi dukomeje kubishyira mu myanya kandi kubishyira ahakwiriye ndetse n'ahagenwe, kuko ibikorwa byacu bigomba kwigaragaza kandi urukundo rwacu rukabaho mu Isi yose kandi rukumvikanira buri kiremwa cyose, kuko ari igihe cyo kuvangura ibikorwa

byose by'umwanzi kandi ari igihe cyo kuvangura imbaraga ze zose kugira ngo Mwene Muntu asukurwe wese kandi Mwene Muntu anyuzwe mu nyanja y'urukundo kandi mu nyanja y'ikibatsi cy'ubuzima kigomba kumuvugurura kandi kigomba kumuha kandi kigomba kumuha impinduramatwara muri byose kugira ngo Mwene Muntu arusheho kumenya ko Uhoraho Imana ari Umuremyi kandi arusheho kumva ko urukundo rwa DATA rugomba kubaka ubuzima bwe kandi rugomba kumuha byose kandi rukamugeza kuri byose, ko nta wugomba gutungwa n'amarangamutima ye kandi nta wugomba gutungwa n'ibyiyumviro bye, ari igihe cyo kuvugurura byose kandi ari igihe cyo kugaragaza ndetse no gutangaza byose, kugira ngo Isi yose imenye urukundo rwacu kandi Isi yose imenye imbaraga zacu zikomeye kandi imbaraga zacu zidatsindwa kuko hari byinshi bigomba kwigaragaza mu buzima bwa Mwene Muntu kandi hari byinshi bigomba kumvikana mu mibereho ye ya buri munsi.

Tuje rero kuvugurura byose mu Isi kandi dukomeje kururutsa ububasha bwacu kugira ngo ducagagure ingoyi zose z'umwanzi kandi dukureho imisozi umwanzi yashyize imbere ya Mwene Muntu bityo ntabashe kubona ibyiza bya DATA kandi ntabashe kubona ibitangaza bya DATA ku buzima bwe, kuko hari byinshi bigomba kuvugururwa kugira ngo Mwene Muntu amenye ko gutunga kandi amenye ko kubaho atabikesha we ubwe kandi atabikesha imbaraga ze, ahubwo abikesha urukundo rwa DATA kandi abikesha impuhwe n'ububasha by'Umuremyi wa byose ; ni byinshi rero bikomba kuvugururwa mu Isi yose kandi ni

byinshi bigomba kwigaragaza mu Isi bigatanga impinduka kugira ngo Mwene Muntu abashe kubona ububasha bwacu kandi Mwene Muntu abashe kumva ko ibyiza bya DATA byururutse mu Isi yose, kandi Isi ikaba ari iya DATA mu kuyigenga kandi mu kuyivugurura mu bubasha bwe, bityo ibyo byose Mwene Muntu agomba kubimenya kandi agomba kubyakira kuko buri wese agomba kugendera ku njyana imwe y'urukundo rwa DATA kandi buri wese agomba kumva urukundo rwa mugenzi we kandi akumva impumuro y'ibyiza byacu mu buzima bwe, bityo bikamuha kumva ko ibikorwa byacu ari bimwe kandi ububasha bwacu buhindura byose kandi bwaje kuvugurura byose.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ibikorwa byacu bigaragare kandi ni igihe rero cyo kugira ngo imbaraga zacu zumvikane mu Isi, mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika kuko hari byinshi bigomba kugaragara kandi hari byinshi bigomba gushyirwaho ibimenyetso byacu kandi bigomba gushyirwaho mu mbaraga zacu kugira ngo Isi yose ibe koko Isi y'ibitangaza kandi Isi y'ububasha bw'Imana ihoraho, ko bugomba kumvikana kandi bugomba guhumurira biri wese mu Isi, bityo Mwene Muntu agahora iteka abona ububasha bw'Imana kandi agahora iteka abona ibitangaza bikomotse kuri DATA kuko Mwene Muntu abereyeho kuba igitangaza kandi abereyeho kuba koko ikuzo rya DATA muri byose kugira ngo ibyiza bya DATA byumvikane muri we bityo anyure kandi ashimishe uwamuhanze.

Tuje rero kugaragaza byose mu bubasha bwacu kandi tuje kumvikanisha byose mu Isi, kuko ububasha bwa DATA bwururutse kandi ibikorwa bye muri twe bikaba byarururutse kugira ngo bivugurure byose kandi bitangaze impinduka mu Isi yose kuko hari byinshi bigomba kuvugururwa kandi hari byinshi bigomba kumvikaniramo ikuzo ry’Umuremyi wa byose kugira ngo buri kiremwa cyose yahanze kibone ububasha kandi buri kiremwa cyose kiri mu Isi cyumve imbaraga z’urukundo rw’Imana isumba byose kuko Mwene Muntu agomba kugengwa kandi agomba kuyoborwa n’urukundo rwa DATA ruhoraho mu kumuvugurura kandi mu kumutagatifuza mu buryo bwose kandi mu nzira DATA yifuza kandi ashakira ikiremwa muntu.

Twaje rero kugaragaza byose kuko ari igihe cya byose kandi ari igihe cy’urukundo ruhoraho rwa DATA rugomba kurema byose kandi rugomba gushyiraho imiterere y’uko Mwene Muntu agomba kubaho kandi y’uko Mwene Muntu yaremewe kubaho kuko ibyakozwe n’umwanzi byose kandi ibyavuye mu kwivumbagatanya kwa Luciferi byose bigomba kurangizwa kandi bigomba kwigizwayo, bityo hakagaragara urukundo rwacu ruhoraho kandi hakagaragara ibyiza by’ububasha bw’Imana isumba byose, bigomba kuvugurura Isi yose kandi bigomba guhindura amateka kandi guhindura inzira za Mwene Muntu kugira ngo ayoborwe n’urumuri rw’Imana kandi ayoborwe n’ububasha bw’Imana isumba byose, muri byose, mu kwakira ibyiza by’Ijuru kandi mu kwakira ububasha dukomeje kururutsa mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo

avugururwe wese kandi ahabwe urukundo rugomba kumubeshaho mu bikorwa bishya DATA yifuza mu Isi kandi mu buzima bushya Mwene Muntu agomba kwakira kuko agomba guturwa imiruho kandi agomba gukurirwaho ibyari imvune zose z'umwanzi kugira ngo abeho mu rukundo kandi abeho mu gushaka kwa DATA, anyuzwe kandi ahagijwe n'ububasha bw'Imana isumba byose mu buzima bwe bwa buri munsi kuko Mwene Muntu agomba kubeshwaho n'urukundo rwa DATA kandi akabeshwaho n'ibyiza dukomeje kururutsa mu Isi yose kandi dukomeje kuvuguruza Isi yose urumuri rwacu kandi kuvuguruza Isi yose ibikorwa byacu bitunganye kandi byuje ububasha n'ubuziranenge muri DATA Umuremyi wa byose.

## 1. UMUTIMA W'URUKUNDO W'IMANA DATA NI YO SOKO Y'IBYIZA BYA MUNTU

Mu bubasha bw'umutima w'urukundo wa DATA ni ho Mwene Muntu agomba kubonera ibyiza kandi Umuremyi wa byose ni ho yazigamiye Mwene Muntu ibyiza by'agatangaza bigomba kumufasha kandi bigomba kumuha kwegera koko neza umutima wa DATA kugira ngo Mwene Muntu agabirwe ibyiza byawo kandi agabirwe ubuziranenge bwawo kugira ngo buvugururure byose muri Mwene Muntu kandi ibyiza bya DATA bihindure byose mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo arusheho kumenya ko Uhoraho Imana Umuremyi wa byose ari we soko nyakuri y'ibyiza kandi isoko nyakuri y'imigisha yose Muntu agomba gutunga kandi Mwene Muntu agomba kubamo iminsi yose.

DATA rero yafunguye ibyiza by'urukundo rwe kandi afungura umutima we kugira ngo buri wese mu Isi arusheho kuwurangamira kandi buri wese mu Isi arusheho kuwuvomamo ibyiza kandi arusheho kuwuvomamo ubukungu nyakuri bushingiye ku rukundo kandi bushingiye ku byiza by'Uhoraho Imana Umuremyi wa byose, kuko urukundo rwa DATA rugomba kuvugurura byose kandi rugomba kugamburuza byinshi kuri Mwene Muntu, bityo akarushaho kwakira kandi akarushaho kumenya ko Uhoraho Imana Umuremyi wa byose ari we ugenga byose ku buzima bwe kandi ari we uvugurura byose mu mibereho ya Muntu.

DATA yasakaje imbaraga ze kandi asakaza urukundo rwe mu Isi yose muri ibi bihe kugira ngo havugururwe byinshi kandi ibyirengagizwaga byose na Mwene Muntu kugira ngo byose bivugururwe, bityo Mwene Muntu aho ataboneraga ibyishimo kandi aho ataboneraga iruhuko n'amahoro abihabonere kandi abyakire kuko urukundo rwa DATA ari rwo rugomba kuvugurura byose kandi rugomba guhindura byose mu Isi kugira ngo ineza ya DATA yumvikane kandi urukundo rwe n'ububasha bye bigaragare kandi byumvikane mu Isi yose.

Ni igihe cyo kugira ngo isoko y'urukundo rwa DATA ivugurure kandi ivuburirwe Isi yose mu guhindura byose kandi mu kumvikanisha imbaraga zose z'ububasha bw'Imana ihoraho kandi Imana isumba byose, yo yahanze byose, kuko ari byinshi bigomba kuvugururwa mu Isi yose kandi bigomba guhindurwa mu Isi binyuze mu rukundo rwa DATA kandi binyuze mu mbaraga ze zikomeye zigomba gusenya ibikorwa byo byose by'umwanzi kandi gusenya imyubakire yose y'umwanzi yagiye yubaka muri Mwene Muntu bityo hakaganza urukundo rwa DATA kandi hakumvikana ibyiza bye by'ububasha kandi ibyiza bye by'umugisha bigomba kugabirwa Mwene Muntu kandi bigomba kumutunga ndetse no kumuramira iminsi yose, kuko urukundo rwa DATA rwaje kuvugurura byose kandi rwaje guhindura byinshi mu buzima bwa Mwene Muntu, kugira ngo arusheho kumenya ineza ya DATA kandi arusheho kumenya imbaraga ze zikunda kandi imbaraga ze zivugurura byose.

DATA rero yohereje byose kandi DATA akomeje gusakaza byose mu Isi yose, kuko turi amaboko ye mu kuvugurura byose mu Isi kandi turi intambwe ze mu gusakaza hose mu Isi ububasha bwe, bugomba guhindura byose kuko tugendera mu mbaraga z'urukundo rwe kandi tugendera mu mbaraga z'ububasha bw'umutima we ukunda tugasakaza ibyiza bye mu Isi yose kandi tugasakaza ibikorwa bye mu Isi, kugira ngo Mwene Muntu avugururwe n'imbaraga zikomeye z'Umuremyi wa byose kandi Mwene Muntu avugururwe n'ububasha buhoraho bwa DATA bugomba guhindukiza byose kuri we kandi bugomba kuvugurura byose muri we kugira ngo urukundo rwa DATA rumugenge kandi urukundo rwa DATA rumuhe kubaho kandi rumuhe gukomera ndetse no kugwirizwa ibyiza, kuko hari byinshi bigomba kumvikana kandi hari byinshi bigomba kugaragara mu buzima bwa Mwene Muntu, binyuze mu mutima w'urukundo wa DATA kandi binyuze mu isoko ngari y'umugisha DATA yasakaje mu Isi yose kandi dukomeje gusakaza ndetse no kuvubura kugira ngo buri wese amenye umugabira kandi amenye uwamuhaye ko ari Uhoraho Imana, bityo Mwene Muntu arekere aho ubwikunde kandi Mwene Muntu arekere aho ubwikuze akomora ku mwanzi, ko agomba gucira bugufi Umuremyi wa byose kugira ngo ahabwe byose kandi agabirwe byose mu rukundo rwa DATA kuko ari rwo ryzavugurura byose kandi ari rwo ruzahindura byose mu Isi, bityo Isi yose igasendera ububasha bwa DATA kandi Isi yose igasendera imirimo ikomeye ya DATA igomba kumvikana kandi igomba kwigaragariza ikiremwa muntu.

Hari byinshi rero bigomba kugaragara mu Isi kandi hari byinshi bigomba kumvikanira Isi yose kugira ngo ibeshweho n'urukundo rwacu kandi Isi yose ibeshweho n'imbaraga za DATA kuko ari cyo twaje kumvikanisha muri iki gihe kandi twaje kugaragaza kugira ngo Mwene Muntu tumwereke ibyiza by'urukundo rw'Imana kandi tumwereke ibyiza bikomoka mu kubaha Imana kandi mu kumenya DATA ndetse no kumusobanukirwa kuko ububasha bwe bugomba gukora byose kandi imbaraga ze zikavugururura byose mu Isi yose, bityo icyo Mwene Muntu atabonaga nk'icy'agaciro kandi icyo Mwene Muntu atamenyaga kandi atabonagamo urukundo rw'Imana kugira ngo arugaragarizwe kandi arwumve, bityo ibikorwa bya DATA byumvikane mu buzima bwa Mwene Muntu kandi imbaraga z'urukundo rwa DATA zihindure byose ku buzima bwa Mwene Muntu kandi zimuhe ubuzima bushya kandi zimuhe imbereho mishya kuko hari byinshi bigomba kugaragara kandi hari byinshi bigomba kumvikana mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo amenye ibyiza bya DATA kandi asobanukirwe n'imbaraga ze ; tuje rero gupfundikira byose mu Isi kandi tuje kugaragaza byose mu Isi kugira ngo urukundo rwacu rwumvikane kandi isoko DATA yafukuye mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo akomeze kuyibonamo ibyiza kandi akomeze kuyibonamo ububasha bwa DATA kuko hari byinshi bigomba kwakirwa mu buzima bwa Muntu kandi bigomba guha Mwene Muntu kubaho mu bwisanzure kandi kubaho iteka ateze ibiganza kugira ngo Uhoraho Imana amugabire kandi amugenere byose mu rukundo.

DATA rero yafunguye umutima we ukunda kandi awugaragariza Mwene Muntu mu kumurinda ibihe n’ibihe kandi mu kumurengera kugira ngo adatembanwa n’umwanzi kuko Isi igomba kururutswaho ibikorwa bya DATA kandi Isi yose ikagomba gusigaraho ububasha bw’Umuremyi wa byose, bityo Mwene Muntu akamenya ko Uhoraho Imana yamuzigamiye ibyiza kandi Uhoraho Imana yamuzigamiye kubaho mu rukundo kandi kwakira byose mu rukundo ndetse no guha agaciro ibyiza by’umutima wa DATA ukunda kandi umutima wa DATA ugabira bose utarobanuye kandi ugasangira byose na bose kugira ngo buri wese yisanzure muri DATA kandi buri wese yisanzure mu mutima we ukunda kandi mu mutima we w’isoko y’ibyiza byose Mwene Muntu agomba kubona kandi agomba gukesha urukundo rwa DATA.

Hari byinshi rero bigomba kuvugururwa mu Isi yose kandi hari byinshi bigomba guhindurwa mu Isi, kugira ngo Mwene Muntu amenye DATA kandi Mwene Muntu asobanukirwe n’ibikorwa bye kuko byose bigomba kunyura mu mirimo igaragara kandi byose bigomba kunyura mu bikorwa bifatika kugira ngo Isi yose imenye ububasha bwa DATA kandi Isi yose imenye imbaraga ze z’agatangaza kandi imbaraga ze zatsinze zigomba kurandura ikibi kandi zigomba kurandura imivumo yose y’umwanzi kandi kurandura ibikorwa byose by’umwanzi byahindanyije Isi kandi byahindanyije Mwene Muntu bityo ntabone urukundo rwa DATA, byose bigomba gutsindwa kandi byose bigomba kumanukirwaho urumuri rwa DATA rugakongora byose kandi rugahindura umukungugu ibyo byose kugira ngo ineza ya DATA

abe ari yo igaragara kandi urukundo rwe ruhanitse rwumvikane kandi rugaragare mu buzima bwa Mwene Muntu, kuko Mwene Muntu agomba kubaho mu byishimo kandi agomba kubaho mu mahoro asendereye y'urukundo rwa DATA rumugabira byose kandi rumugaragariza byose mu buzima bwe bwa buri munsi, kuko Uhoraho Imana ari we ugomba gufungura ibikorwa bye kandi akabigaragariza Isi yose kugira ngo ibeho mu rukundo kandi ibeho mu byishimo bye bihoraho, Mwene Muntu yavukijwe n'umwanzi kandi yanyazwe n'umwanzi, ko agomba kubigarurirwa kandi agomba kubibamo, abikesheje kurangamira umutima w'urukundo wa DATA, yo soko y'ibyiza byose Mwene Muntu agomba guhabwa kandi agomba kugenerwa umurage yateguriwe kandi yagabiwe na DATA ibihe byose kandi iteka n'iteka.

Hari byinshi rero bigomba kugaragara mu buzima bwa Mwene Muntu kandi hari impinduka zigomba kuza kugira ngo Mwene Muntu ahereze byose DATA kandi amuhe icyubahiro gikwiriye Umuremyi wa byose kandi Umutangabubasha muri byose kandi we uvugurura byose, bityo Mwene Muntu akamenya ko Uhoraho Imana ari hejuru ya byose kandi nta kibaho kidaturutse mu bubasha bwe kandi nta kibaho Mwene Muntu yagira kidaturutse mu rukundo rw'Imana.

Ni igihe rero cyo kwigisha Isi kandi ni igihe cyo kuyigaragariza ububasha nyakuri bwa DATA, bityo buri wese akegukira DATA kandi buri wese akamenya imbaraga ze kandi agasobanukirwa n'ibikorwa bye bikomeye kandi ibikorwa bye by'urukundo,

bigomba gukangura Mwene Muntu kandi bigomba kumushyira mu mwanya agomba kubamo kugira ngo amenye ububasha bw’isoko y’ibyiza bya DATA mu buzima bwe.

## 2. ABUBAHA BAKUMVIRA DATA BAGIZWE IMBARUTSO Z'IBYIZA BY'IJURU MU ISI

Ibikorwa bya DATA bigomba kugaragarira mu bubaha kandi bakamenya ukuri kwa DATA kandi bagasobanukirwa ubwicishe bugufi ndetse n'ubwiyoroshye bagomba guhabwa kandi bagomba kuronkera mu byiza bya DATA kuko ari bo bagomba guhabwa umurage nyakuri kandi abo ngabo bose bemeye guca bugufi ku bw'ingoma ya DATA kandi bakemera gukuza Uhoraho Imana Umuremyi wa byose, turi mu buzima bwabo kugira ngo tugaragaze ibyiza byacu kandi turi mu buzima bwabo kugira ngo tugaragaze impinduka zose mu Isi yose, kuko hari byinshi bigomba kubashingiraho kandi hari byinshi bigomba kugaragarira muri bo kuko bagizwe umusemburo ugomba gututumbisha Isi yose kandi umusemburo ugomba gututumbisha ibyiza byacu mu Isi yose, bityo bakaba koko abarokora abandi kandi bakaba abakira kandi bururutsa ububasha bw'ibikorwa byacu mu Isi mu buryo bugaragara kandi mu buryo bw'imbaraga zigomba kwigaragaza kandi mu bimenyetso bigomba kugaragarira Mwene Muntu kugira ngo amenye ko ububasha bwacu bwururutse kandi amenye ko ibikorwa byacu byaje kurangiza byose kandi byaje kumvikanisha buri kimwe cyose mu Isi yose.

Hari byinshi bigomba gukorerwa muri bo kandi hari byinshi bigomba kuzurizwa muri bo kugira ngo bagirwe ibigega bikomeye byubukungu bwacu kandi bagirwe ibigega bikomeye

by'imbaraga zacu zigomba kwigaragariza Isi yose kandi zigomba kuvugurura byose mu kiremwa muntu, kuko ubukungu nyakuri bugomba guturuka mu kwemera kandi bugomba guturuka mu rukundo Mwene Muntu afitiye DATA, bityo ibyiza bya DATA akabihabwa kandi ububasha bukomeye bw'Umuremyi wa byose bukururutswa mu buzima bwa Mwene Muntu tugakorera muri we imirimo kandi tugakorera muri we ibitangaza bikomeye kuko kubaho kwa Muntu kandi kubaho yumvira DATA ari byo bizamuzanira umugisha kandi bikamuzanira amahoro asendereye.

Hagomba rero gukorwa byinshi muri Mwene Muntu kandi hagomba kuzuzwa ububasha bukomeye muri Mwene Muntu, kugira ngo buri kimwe cyose abashe kugihabwa kandi uko DATA avuze abashe kumva kandi abashe kubona ibyo Uhoraho Umuremyi wa byose yifuza kandi ashaka kugaragariza Isi yose ayikungahaza ibyiza kandi ayuzuza urukundo n'umugisha bye, bigomba kuvugurura byose kandi bigomba guhindura amateka ya Mwene Muntu yabayeho ku bw'umwanzi, ko yose agomba kurangizwa kandi ayo yose agomba gukurwa mu nzira btyo hakaza amateka mashya abereye Muntu mushya kandi abereye ibikorwa bishya bya Mwene Muntu birimo kubaha DATA kandi kumukunda no kumukorera mu byishimo bya kimalayika, bityo Mwene Muntu agahabwa imbaraga kandi agahabwa ibyiza byose akesha urukundo rw'Imana kandi akesha ububasha DATA yururukirije mu Isi kandi ububasha DATA akomeje kururutsa mu Isi, bugomba guhagarika ikibi

cy'umwanzi kandi bukavugurura byose mu buzima bwa Mwene Muntu.

Hari byinshi rero bigomba kuzuzwa mu buzima bwa Muntu kandi hari byinshi bigomba kugaragarira imibereho ye ya buri munsi kugira ngo amenye ko DATA yasakaje hose ibyiza bye kandi DATA yarangije kubaka ibigega bye bikomeye mu Isi by'ubukungu nyakuri kandi ibigega by'umugisha Mwene Muntu agomba guhabwa kandi ugomba kumugarura ku rukundo rw'Imana isumba byose ; twarangije rero kubaka imbaraga mu Isi yose kandi twarangije kururutsa ububasha bwacu bukomeye kandi tubwururukiriza mu bumvira kandi bagizwe altari y'ibyiza bya DATA mu Isi yose mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika kuko DATA agomba kugira abo yururukiramo kandi DATA agomba kugira abo agaragarizamo ibimenyetso bye, bityo akagaragaza urukundo rwe kandi akagaragaza ububasha bwe bukomeye ku kiremwa muntu kandi ku buzima bwa Mwene Muntu.

Twateguye rero ibikorwa byacu kandi dutegura integuro yacu uko igomba kugenda ndetse n'uko igomba kuzuzwa, kuko ibyiza byacu bigomba kwigaragaza mu isuku kandi ibyiza byacu bikagaragarira mu rumuri mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika, Mwene Muntu agomba kwakira ibyacu kandi agomba kubaho mu buzima tumwifuzamo kandi mu rugendo tumushakamo kugira ngo iteka atunganirwe n'ibyiza byacu kandi abigwize mu rukundo kandi abigwize mu bubasha DATA adahwema kugaragaza kandi akomeje kururutsa mu Isi yose ;

dukomeje rero gusukura byose mu Isi yose kandi dukomeje kuvugurura byose kugira ngo integuro yacu yigaragaze kandi ubuzima bushya Mwene Muntu agomba kubamo kandi agomba kubaho bugaragare mu buzima kandi impinduka zigende ziza mu mibereho ya Mwene Muntu, kuko hari byinshi bigomba guhindurwa muri Mwene Muntu kandi hari byinshi bigomba kuvugururwa mu buzima bwe, kugira ngo amenye ko ibikorwa byacu byaje kandi bikaza ari ibikorwa bya simusiga kandi ibikorwa bigomba kwimura Mwene Muntu kugira ngo ajye aho tumwifuza kandi ature muri byo asukuye kandi akeye, ashize amanga, yumva urukundo rwa DATA kandi yumva ububasha DATA yururukirije mu Isi kandi yururukirije mu buzima bwe.

Ni igikorwa rero dukomeje gukora mu mbaraga zacu zikomeye kandi ni ububasha dukomeje kururutsa mu mirimo ya DATA kandi dukomeje kururutsa mu itegeko rya DATA, kugira ngo icyo yifuza mu Isi yose gikorwe kandi urukundo rwe rwumvikane rugaragare kandi ruhidure ubuzima bwa Mwene Muntu kuko hari byinshi bigomba kuvugururwa mu buzima bwa Mwene Muntu kandi hari byinshi bigomba gukorwa mu mibereho ye ya buri munsi kugira ngo asobanukirwe n'ibikorwa by'Umuremyi wa byose kandi asobanukirwe n'imbaraga ze z'agatangaza, kuko hari byinshi bigomba gufungurwa mu buzima bwa Mwene Muntu kandi hari byinshi bigomba kuziburwa muri we, kugira ngo urukundo rwacu rwigaragaze kandi ibyiza byacu bibone aho bitura kandi bibone icyicaro, kuko hagomba kurwanwa urugamba rukomeye kandi

urwo rugamba rukarangiza byose, Mwene Muntu yinjijwe mu butungane kandi yinjijwe mu buziranenge bwa DATA bugomba guhindukiza Mwene Muntu kandi bugomba kumugabira ibimuha gutuza kandi ibimuha gutekanira mu rumuri rwa DATA kandi gutekanira mu byiza bye by'umutsindo.

Dukomeje rero ingiro yacu mu Isi yose kandi dukomeje kugenda tubiba hose ibikorwa byacu byiza kandi dukomeje kugenda tubiba hose ububasha bwacu mu Isi, kuko ari bwo bugomba gushibukaho imimero myiza kandi bugomba gushibukaho uburumbuke Mwene Muntu agomba kwakira kandi agomba guhabwa bityo agasoroma kuri izo mbuto nziza kandi agasoroma ku giti cy'umugisha twatereye Mwene Muntu ; twarangije kwezaho imbuto mu Isi yose mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika kuko hari byinshi bigomba kumvikana kandi bigomba kwigaragaza kugira ngo icyo twashyizeho kandi icyo twaje kubagarira mu Isi yose kandi twaje gufumbira mu Isi kigaragare kandi buri wese agisarureho ibyiza, kuko urugemwe rwacu rugomba gutanga umusaruro kandi rugomba gutanga ibyiza by'uburumbuke mu Isi yose.

Ibikorwa byacu rero dukomeje kubikora mu kiremwa muntu kandi ibikorwa byacu dukomeje kubyuzuriza muri Mwene Muntu, mu rukundo rwishi kandi mu rukundo rugomba guha Muntu gutekereza ineza ya DATA kandi gutekereza ibyiza by'ububasha bw'Imana isumba byose, kuko hari byinshi bigomba gukorwa mu buzima bwa Mwene Muntu kandi bigomba kumuha guhindukira ndetse no kubahiriza itegeko rya

DATA kugira ngo igihe cyose abeho mu bubasha bw'Umuremyi wa byose kandi igihe cyose abeho mu rukundo rwa DATA, rugomba kumuhindura kandi rugomba kumuha gukomera ndetse no gukomeza urugendo nta kimuha gutandukana n'urukundo rw'Imana kandi nta kimubuza kuguma imbere y'uruhanga rwa DATA.

Ni byinshi rero dukomeje gukora mu buzima bwa Mwene Muntu kandi ni byinshi dukomeje kugaragariza imibereho ya buri munsi kugira ngo akomeze kuba koko umusemburo w'ibyiza kandi abubaha bumvira DATA bakomeze kugaragara mu Isi yose kuko hari byinshi bigomba gukorwa kugira ngo Mwene Muntu akurwe ku bikorwa by'umwanzi kandi Mwene Muntu akurwe aho yahabiye, bityo yegukire urukundo rw'Imana isumba byose kandi yegukire ububasha bwayo, kugira ngo bumutunge kandi bumufashe kubaho yubahiriza itegeko rya DATA kandi kubaho yubahiriza imirimo ikomeye Umuremyi wa byose akomeje gukora kandi akomeje kugaragariza Isi yose, kugira ngo igendere ku itegeko rye kandi igendere ku byiza akomeje kururutsa kandi akomeje kugabira Isi yose.

Abubaha rero Uhoraho Imana bakamwumvira ni bo nkingi zikomeye z'ibikorwa byacu mu Isi yose kandi z'ihuriro ry'ububasha bwacu bugomba kururutswa mu Isi kandi bugomba kuvugurura byose mu Isi kuko twarangije gushyiraho integuro kandi twarangije gutegura byose kugira ngo Mwene abeho mu rukundo rwacu kandi Mwene Muntu abeho mu

byiza byacu, nta kimujyana kure y'urukundo rwacu kandi nta kimujyana kure y'ibikorwa byacu, kuko abereyeho gusakaza umugisha wa DATA mu Isi kandi abereyeho gusakaza ibyiza bya DATA mu Isi, bityo tukanyura muri we tukuzuza byose kandi tukanyura mu buzima bwe, tugatangaza impinduka kandi tukavugurura Isi kugira ngo igendere ku bikorwa byacu bishya kandi igendere ku buyobozi bwacu bugomba kubahirizwa kandi bugomba kubahwa na buri kiremwa cyose kiri mu Isi, ko nta wugomba kongera guca ukubiri n'ibikorwa byacu kandi guca ukubiri n'imirimo dukomeje gushyira mu Isi kandi dukomeje kururutsa, kuko ari igihe cyo gushyiraho inzira imwe kandi ari igihe cyo gushyiraho ibikorwa bimwe Mwene Muntu agomba kubamo kandi agomba kuva ndetse no kumenya kugira ngo urukundo rwacu rumuhe gukomera kandi urukundo rwacu rumuhe kubahiriza icyo twifuza kandi kumvira icyo DATA ashaka kuko byose bigomba gukorerwa mu kumvira kandi byose bigakorerwa mu rukundo Mwene Muntu agomba kwakira kandi agomba kumva ko yabibwemo bityo rukamuha byose kandi rukamuha kwishimira integuro yacu kandi kwishimira ibyiza byacu dukomeje kururukiriza mu Isi yose kandi dukomeje kumvikanisha mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo ahindurwe n'ibikorwa byacu kandi arangamire urukundo rwacu rugomba kumufasha kubaho muri byose kandi kubaho mu byiza by'agatangaza DATA yateguye kandi yateguriye ikiremwa muntu.

## 3. UBUBASHA BW'IJURU MU ISI IYUNGURUYE

Ibikorwa by'Imana isumba byose bigomba kwigaragaza mu buryo bushya kandi bugomba kwigaragaza mu bubasha bukomeye bwa DATA bukomeje kururutswa mu Isi yose kandi bukomeje kwigaragaza kuko hagomba kubaho ibimenyetso bigomba gutambukana ibikorwa byose by'umwanzi kandi hagomba kubaho ibimenyetso bikomeye byo guteguza Mwene Muntu kugira ngo amenye ko ububasha bw'Imana isumba byose bwururutse mu Isi yose kandi bwaje kuyungurura ndetse no kuringaniza byose mu Isi, kuko hari byinshi bigomba gukurwa mu nzira kugira ngo integuro ya DATA igomba kugaragara kandi ububasha bw'agatangaza bugomba kwigaragaza mu Isi yose, ibikorwa byacu nk'abatagatifu n'abamalayika bigaragare kandi byumvikane mu Isi, habanje gukorwa isuku ihagije kandi habanje gukorwa imirimo ikomeye mu Isi kugira ngo buri kimwe cyose gikurwe mu mayira kandi imitego ndetse n'ibihato byose by'umwanzi birandurwe, bityo urukundo rw'Imana isumba byose rwigaragaze kandi rugaragarire Isi mu buryo bw'urukundo kandi mu buryo bw'ibimenyetso bigomba kugaragara kandi bigomba gushyiraho imibereho mishya kuri Mwene Muntu kuko Isi igomba kuba integuro ya DATA kandi Isi ikaba koko icyicaro cy'ububasha bw'Imana isumba byose, mu bwami bwayo kandi mu bwami Kristu Nyagasani yaje kumvikanisha mu Isi yose.

Hari byinshi bikomeje gutegurwa mu Isi kandi hari byinshi bikomeje kuyitegurirwa, bigomba kuyibamo kandi bigomba guhindura byose ku buzima bwa Muntu kandi guhindura byose ku buzima bw'ikiremwa muntu, bityo ineza ya DATA ikumvikana mu Isi yose kandi ibikorwa bye by'agatangaza bikigaragaza kandi bikagaragaza imibereho mishya Mwene Muntu agomba kubamo kandi imibereho mishya Mwene Muntu agomba kwakira ndetse no kubaho iminsi yose kandi ibihe byose ; hari byinshi bigomba gukorwa mu Isi yose kandi ni nabwo bubasha twazaniye Isi kugira ngo inkubiri yose y'umwanzi ikurwe mu mayira kandi ibyagiye bigota Mwene Muntu bituma atabasha kumenya urukundo rw'Imana kugira ngo byose bigende byigizwayo, bityo imbaraga za DATA z'umutsindo zigaragare, ziganze kandi ziture mu Isi yose bityo intebe ya DATA y'ububasha yumvikanire Isi kandi intebe ya DATA y'ububasha itsikamire ibibi byose by'umwanzi kandi izimize ibikorwa byose by'umwanzi ; integuro rero dukomeje gutegura mu buryo bwitonze kandi integuro dukomeje gutegura mu buryo bwihuse, kuko hari byinshi bigomba guhagarikwa kandi hari byinshi bigomba kurangizwa kugira ngo ibikorwa bishya bitunguke kandi ibikorwa bishya byujuje umugisha wa DATA kandi byuzuye ubuziranenge bwa DATA, bigaragare mu Isi isukuye kandi mu Isi igomba kudendezwamo amahoro kandi mu Isi igomba kudendezwamo umutekano w'ububasha bwacu kandi umutekano w'imbaraga zacu nk'abatagatifu ; ni Isi tuzabamo kandi ni Isi tuzakoreramo byose kandi ni Isi tuzagaragarizamo ububasha bwa DATA kandi tukagaragarizamo ibikorwa bya DATA bizira ikizira kandi

ibikorwa bya DATA byuje ubunyangamugayo kandi byuje ubuziranenge bwose kuko Isi igomba gusigaraho ibikorwa bitunganye kandi igasigaraho abatunganyijwe kandi abateguwe mu bubasha bwa DATA bugomba kwakira ibyo byiza kandi bugomba kubibonamo umugisha ukomeye w'Uhoraho Imana Umuremyi wa byose.

Ni byinshi rero dukomeje gutegurira Isi kandi ni byinshi dukomeje kuyiteguriramo kuko dukomeje kuyungurura kandi dukomeje gukamura ikibi cyose cy'umwanzi kugira ngo ibikorwa byacu bigomba kwigaragaza kandi ibikorwa byacu bigomba guhindura byose kandi bigomba kuvugurura byose mu Isi bigaragare kandi bigaragarire ubuzima bwa Mwene Muntu kuko hari byinshi bigomba kuyikorerwamo kandi hari byinshi bigomba kumvikana, ari nayo mpamvu dukomeje gusakaza imbaraga zacu zihindura byose kandi gusakaza ububasha bwacu tubwururukiriza muri yo kandi imbaraga z'ibikorwa bya DATA, tubyururutsa kugira ngo bitsikamire imbaraga zose z'umwanzi kandi bitsikamire ibikorwa byose umwanzi yagiye ashyira imbere ya Mwene Muntu kandi akamushukisha ; ni igihe rero cyo kugira ngo tugaragaze izo mbaraga zacu zikomeye kandi tugaragaze ububasha bwacu bw'agatangaza, bugomba kurangiza byose kandi bugomba kuvugurura byose mu Isi, mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika bw'ibimenyetso, mu buryo bwururutsa ububasha bwose bw'Imana isumba byose kuko bugomba gutura mu Isi kuko ari igihe cyo kugira ngo Isi n'Ijuru bihure kandi Isi n'Ijuru hakorerwemo byinshi mu bubasha bwose DATA yifuza bwo

kugira ngo icyo yifuza mu Ijuru gikorwe no munsi, nta gitambamiye umugambi wa DATA kandi nta gitambamiye ugushaka kwe.

Ni igihe rero cyo kugira ngo byose bigerweho kandi byose bigaragare mu mbaraga za DATA kandi byose bigaragare mu bubasha bwe bugomba guhindura byose kandi bugomba kuvugurura byose kuko Isi yose igomba kubaho mu bimenyetso bikomeye by’Umuremyi wa byose kandi Isi yose ikabaho mu mbaraga zikomeye za DATA zigomba kuvugurura buri kimwe cyose kandi zigatangaza ukuri kose kw’ibiriho kandi ukuri kose Isi igomba kwambara kandi igomba kubamo, kugira ngo ibyiza bya DATA byose byururukire muri yo kandi urukundo rwacu nk’abatagatifu ruhore iteka ruha abatuye Isi gutekana kandi ruhore iteka ruha abatuye Isi kumenya ububasha bw’Uhoraho Imana Umuremyi wa byose mu bikorwa bye kandi mu nteguro ye akomeje gutegurira Isi yose kandi akomeje kubaka mu Isi mu buryo buhoraho kandi mu buryo budasimburwa n’ikibi cyose cy’umwanzi kuko kigomba gukurwa mu nzira, bityo ibyiza bya DATA bigasimbura ibikorwa byose by’umwanzi kandi ibyiza bya DATA bigasimbura imbaraga zose z’umwanzi, bityo Mwene Muntu akabaho mu bubasha bwacu kandi Mwene Muntu akabaho mu mbaraga za DATA zigomba kumuvugurura kandi zigomba kumurema muri byose.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ibyo bikorwa byacu bigaragare kandi byumvikane mu Isi mu buryo bugaragara kandi mu buryo

bufatika kuko hagomba kubaho integuro kandi akaba ari yo dukomeje kugendamo kugira ngo ibyo twateguye byose Mwene Muntu abishyikirizwe kandi Mwene Muntu abihabwe mu rukundo kandi abihabwe mu byishimo kandi abyakirane amahoro n'ituze, kuko nta kigomba kuvutsa Mwene Muntu ibyiza bya DATA kandi nta kigomba kumuvutsa urukundo rw'Umuremyi wa byose, rugomba gutura muri we kandi rugomba kugaragarira ubuzima bwe.

Isi rero igomba gusukurwa mu buryo bugaragara kandi Isi igomba gusukurwa mu buryo bufatika, bityo imiziro yose umwanzi yashyizemo igakurwa mu nzira kandi ibihato byose umwanzi yabambitse bigakurwa mu mayira, bityo hakumvikana imbaraga zacu kandi hakagaragara ibikorwa byacu mu buryo bufatika kuko Isi twayigaruriye kandi Isi ikaba iri mu biganza bya DATA mu buryo buhoraho, bityo abibeshya ko Isi ari iyabo byose bikaba bigomba kubarangirana kandi byose bikaba bigomba kuvanwaho kugira ngo hagaragare imbaraga za DATA kandi humvikane urukundo rwe rwatsinze kandi rugomba kuvugurura byose mu kiremwa muntu bityo hakagaragara integuro ya DATA kandi hakagaragara ububasha bwe mu bikorwa bye bigomba kugaragara kandi bigomba gutura mu Isi isukuye kandi mu Isi yayunguruwe n'ububasha kandi ikayungururwa n'ikibatsi gitagatifu kigomba kuvugurura byose kandi kigomba kubaka imibereho mishya muri Mwene Muntu kandi kubaka imyumvire ndetse n'imitekerereze mishya muri Mwene Muntu, ihuje kandi ijyanye n'ugushaka kw'Imana isumba byose kandi Imana Umuremyi wa byose.

## 4. IBIKORWA BY'UBURUMBUKE MU ISI

Mu bubasha bw'Uhoraho Imana Umusumbabyose kandi we ugena byose, agatanga byose, harageze kugira ngo ibikorwa bye bigaragare mu Isi yose kandi imbaraga ze z'agatangaza zumvikanire mu buzima bwa Mwene Muntu kuko ari igihe cyo kugaragaza uburumbuke nyakuri kandi kugaragaza ibikorwa by'Imana isumba byose, mu kwagura ubuzima bwa Mwene Muntu kandi mu kubuvuguruza urumuri rw'Imana, kugira ngo Mwene Muntu akomeze gutungwa n'urukundo rwa DATA kandi akomeze gutungwa n'ububasha bwe bukomeye, kuko hari byinshi bigomba kuvugururwa mu buzima bwa Mwene Muntu kandi hari byinshi bigomba guhindurwa mu mibereho ye ya buri munsi, kugira ngo ububasha bw'Imana ihoraho bwumvikane mu buzima bwe kandi urukundo rwa DATA rwatsinze byose, rugaragaze imibereho mishya Mwene Muntu akwiriye kugira kandi akwiriye kubamo mu bikorwa bishya bigomba kumuranga kandi mu Isi nshya, igomba guturwamo n'ibikorwa bishya kandi kugaragarwamo n'ububasha bukomeye bw'Umuremyi wa byose.

Ni byinshi rero Mwene Muntu agomba gukorerwa mu Isi kandi ni byinshi Mwene Muntu agomba gukorerwaho mu Isi, kugira ngo yakire urukundo rw'Imana isumba byose kandi yakire integuro yayo yose, bityo ubuzima bwa Mwene Muntu buvugururwe kandi ubuzima bwa Mwene Muntu bubereho gutagatifuzwa kandi bubereho gutagatifuza Isi yose kandi

guhindura byose mu Isi, kuko Mwene Muntu yahamagariwe kubaho mu rukundo rw'Imana kandi akaremerwa gutanga umugisha kandi kuwugabira Isi kandi kuwugabira buri kiremwa cyose.

Ni igihe rero cyo kugira ngo uburumbuke bw'ibikorwa bya DATA mu Isi yose bwigaragaze kandi inkingi ikomeye y'uburumbuke bwa DATA mu Isi, ishimangirwe kandi yaguke mu buryo bugaragara kandi mu buryo bwo gukomeza kororoka kandi gukomeza guha Mwene Muntu ibyishimo DATA yari yaramuteguriye kandi ibyishimo Mwene Muntu agomba kubamo kugira ngo abyakire kandi abituremo iminsi yose, kuko hari byinshi bigomba guhindurwa muri Mwene Muntu kandi hari byinshi bigomba gukorwa mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo icyo umwanzi yapfukiranye kandi icyo umwanzi yahinduye isayo y'ikibi, kugira ngo cyose gikurwe mu buzima bwa Mwene Muntu bityo yubakwe n'imbaraga nshya kandi yubakwe n'ububasha bushya, bugomba kumuremera amateka kandi bugomba kumuhindukiza mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika.

Uburumbuke bwa DATA rero bugomba kugaragara mu bikorwa bigaragara kandi bugomba kugaragara mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo abe imbuto y'umugisha mu Isi yose kandi abe imbuto y'amahoro mu Isi, kuko hari byinshi bigomba kuvugururwa mu Isi kandi hari byinshi bigomba guherwaho muri Mwene Muntu kugira ngo ineza ya DATA imenyekane kandi ibikorwa bye by'agatangaza bigaragare kandi

bigaragarire buri kiremwa cyose ; integuro rero DATA yashyizeho ni integuro yo kwagura ubuzima bwa Mwene Muntu kandi ni integuro yo kugira ngo Mwene Muntu abeho mu byishimo bya kimalayika kandi abeho mu byishimo n'ubusabane buhoraho bwacu nk'ab'Ijuru, kuko agomba kubaho mu munezero wacu kandi agomba kubaho mu mahoro yacu kugira ngo igihe cyose ububasha bwacu buhindure byose muri Mwene Muntu kandi ububasha bwacu bukore byose muri Mwene Muntu, bityo atungwe n'urukundo rwacu kandi atungwe n'imbaraga zacu zigomba kumuha kubaho kandi imbaraga zacu zigomba kumuha gukomera ndetse no gukataza abigiriye ububasha bwa DATA kandi abigiriye ineza agaragarizwa na DATA.

Twaje rero kuvugurura byose mu Isi yose kandi twaje kugaragaza imbuto zikomeye mu Isi kugira ngo ibikorwa byacu byumvikane kandi amahoro yacu asendereye agomba gutunga Mwene Muntu kandi agomba kuvugurura byose muri Mwene Muntu, tuyagaragaze kandi tuyumvikanishe kuko ububasha bwacu twarangije kubwururutsa kandi ibikorwa byacu twarangije kubushyira mu myanya, igisigaye akaba ari ukubitangariza Mwene Muntu kandi no kumuhishurira byose kugira ngo atungwe n'urukundo rwacu kandi atungwe n'ububasha bwacu buhoraho n'ibyiza byose bikomoka mu rumuri rwa DATA ; hari byinshi rero bigomba kwigaragariza Isi yose kandi hari byinshi bigomba kumvikana mu Isi kugira ngo urukundo rw'Imana isumba byose rwigaragaze kandi ububasha bwayo bukomeye bwumvikane mu buzima bwa

Mwene Muntu kandi buhindure byose mu mibereho ya Mwene Muntu, kuko ari igihe cyo kuvugurura byose kandi ari icyo kugaragaza imbaraga nshya mu isi kandi kugaragaza amaboko mashya mu Isi, kuko Mwene Muntu agomba guhabwa ubuzima bushya kandi agomba kuvugururwa wese, kugira ngo ibikorwa bya DATA byumvikane kandi urukundo rwe rugomba gutanga uburumbuke muri byose kandi rugomba guhumanura Isi rukomeze kugaragara kandi rukomeze kwigaragaza.

Hagomba rero gukorwa byinshi mu Isi yose kandi hagomba gukorerwamo imirimo ikomeye mu Isi, kugira ngo ineza ya DATA yigaragaze kandi ububasha bwe bwatsinze bugaragare kandi bugaragarire buri kiremwa cyose, kuko ari igihe cyo kuvugurura buri kimwe cyose mu Isi yose kandi kugaragaza impinduka zigaragara kandi impinduka zifatika mu Isi, kugira ngo urukundo rw'Ijuru rwumvikane kandi ibikorwa byacu nk'ab'Ijuru bigaragarire ikiremwa muntu kandi bivugurure byose mu buzima bwa Mwene Muntu, kuko imbaraga zacu zigomba kuganza ikibi cyose cy'umwanzi kandi ububasha bwacu bukaganza ibikorwa byose by'umwanzi kuko umwanzi yarumbije Isi kandi umwanzi akarumbya Mwene Muntu bityo umusaruro Mwene Muntu yagombaga gutanga kandi umusaruro Mwene Muntu yagombaga kugaragarwamo mu bubasha bw'Imana isumba byose ntube ukibonetse kandi ntabe ari wo uboneka kuko umwanzi yavangavanze byose kandi agahindanya icyari icyiza ; ni igihe rero cyo kugira ngo ibikorwa byacu bigaragare kandi ububasha bwacu bukomeye

bugomba kurumbura ibyo umwanzi yarumbije bukomeze kwigaragaza kandi bukomeze kumvikana mu buryo bw’impinduramatwara kandi mu buryo bw’impindurabikorwa n’ubukungu byose kuko bigomba kugendana kandi byose bigomba kurangirizwa hamwe, bityo hakagaragara umugisha wa DATA usendereye kandi hakagaragara umugisha wa DATA mu bikorwa byose bya Mwene Muntu kandi mu mirimo yose Mwene Muntu agomba gukora kandi agomba kubamo mu Isi, kuko yose igomba kugaragarwamo uburumbuke bwa DATA kandi ikagaragarwamo ibikorwa bikomeye by’urumuri rwa DATA, ruvugurura byose kandi ruhindura byose kuri Mwene Muntu.

Ni imirimo rero yacu ikomeye kandi ni ububasha bwacu bukataje bugomba guhindura byose kandi bugomba kuvugurura byose mu Isi, kuko ibikorwa byacu bigomba kwigaragaza kandi bigomba kwihishurira Mwene Muntu, bityo akagendera ku cyo tumwifuzaho kandi akagendera ku mbaraga zacu, zigomba guhindura byose kandi zigomba kuvugurura byose mu buzima bwe ; ni igihe rero cyo kuzuza byose ku buzima bwa Mwene Muntu kandi ni igihe cyo kugaragaza integuro yacu ikomeye kandi integuro yacu mu Isi yose kuko igomba gusiribanga ikibi cyose cy’umwanzi kandi igomba kugamburuza ibikorwa byose by’umwanzi, bityo abari bababaye kandi abari bigunze kubera umwanzi bagasusurutswa n’urukundo rwacu kandi bagasusurutswa n’ibyiza byacu bigomba kumvikana mu Isi yose kandi ibyiza byacu bigomba kugaragara kandi bikagaragarira buri wese uri

mu Isi, akamenya ko ububasha bwacu bwarangije kururuka kandi akamenya ko ibyiza byacu byarangije kugera mu Isi kandi byarangije kuvugurura buri kimwe cyose ; igisigaye rero ni ukubitangariza Mwene Muntu kandi igisigaye ni ukubitangariza Isi yose kuko igomba kumenya integuro yacu kandi igomba kumenya ingiro yacu kuko ari igihe cy'ingiro kandi ari igihe cyo gushyira byose ku mugaragaro, kugira ngo itegeko rya DATA rigaragare kandi ububasha bwe bugomba gukora byose kandi ububasha bwe bwuje urukundo bugomba kurema byose bundi bushya mu Isi, bugaragare kandi butangarizwe Mwene Muntu kuko ari igihe cyo kuvugurura byose kandi ari igihe cyo kumvikanisha byose mu Isi, kugira ngo buri kimwe cyose kigirirwe igisobanuro kandi buri kimwe cyose mu Isi kijyane n'injyana y'icyo DATA yifuza kandi injyana ijyanye n'ugushaka kwa DATA, kuko nta kigomba kuburirwa igisubizo kandi nta kigomba kuburirwa inzira, kuko byose byarangije gutegurwa mu bubasha bwa DATA kandi tukaba dukomeje kururutsa ubwo bubasha mu Isi kugira ngo ibyiza byose bitangire byigaragaze kandi ibyiza byose by'urukundo rwacu bitangire byumvikane mu Isi kandi bigaragarire buri kiremwa cyose mu buryo bufatika, kuko Isi yose igomba kurumburwaho imbuto z'umugisha kandi Isi yose igomba kurumburwaho ibikorwa byacu bikomeye kandi ibikorwa byacu bisumba byose kandi bivugurura byose mu buzima bwa Mwene Muntu, kuko hari byinshi bigomba gukorwa kandi bigomba kwigaragariza buri kiremwa cyose kiri mu Isi, bityo kigatura mu neza yacu kandi kigatura mu byishimo byacu bihoraho, kandi mu byishimo byacu bigomba gusagamba kandi

bigomba kuvugururura byose mu Isi, nta na kimwe kisobye kandi nta na kimwe kigiye kure y'urukundo rwa DATA rugomba kuvugururura byose kandi rugomba guhindura byose mu buzima bwa Mwene Muntu.

## UMWANZURO

Ububasha bwo kururutsa ibikorwa byiza mu Isi yose kandi kururutsa ububasha bw'Imana DATA mu Isi yose, ni byinshi bigomba kwigaragarizamo kandi ni byinshi bigomba guhindurwa mu Isi yose kugira ngo ibikorwa bya DATA Umuremyi wa byose byumvikane kandi imbaraga ze z'agatangaza, zigomba kuvugurura Isi yose zirusheho kumvikana kandi Mwene Muntu arusheho kumenya gukomera kwa DATA kandi arusheho kumenya ibikorwa bye bikomeye kandi arusheho gusobanukirwa n'imirimo twatangiye mu Isi yose kandi twakoze igihe kirekire mu Isi, kugira ngo Mwene Muntu agere ku byiza bya DATA kandi agere ku bubasha mu kubasha kumenya ibyiza by'Umuremyi wa byose kandi kumenya urukundo n'integuro DATA yamuteguriye kuva Isi ikiremwa.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ibyo byiza byigaragarize Isi yose kandi izo mbaraga zacu z'agatangaza zumvikane kandi zigaragarire Mwene Muntu kuko hari byinshi bigomba gukorwa mu buzima bwe kandi hari byinshi bigomba kugaragarira mu mibereho ye ya buri munsi kugira ngo abereho igisingizo cy'urukundo rw'Imana kandi abereho kumva ineza ya DATA kandi kumva ibyiza by'ubugwaneza bw'Umuremyi wa byose, bigomba kwigaragaza kandi bigomba kwishushanya mu buzima bwa Mwene Muntu ; twururukije rero ibikorwa byacu kandi twururutsa imbaraga zacu mu

bubasha bukomeye kandi mu mbaraga zitanyeganyezwa, kuko hari byinshi bigomba gukorwa mu Isi yose kandi bigomba kwigaragaza kugira ngo imirimo yacu irusheho kugaragara kandi ibikorwa byacu by'agatangaza byumvikane kandi bigaragarire Mwene Muntu, kuko ububasha bwacu butazagenda amara masa kandi ububasha bwacu butazasiga ubusa, kuko ibyiza byacu tugomba kubisangiza Mwene Muntu kandi urukundo rwacu ruhoraho muri DATA, rukaba rugomba kumvikana mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo abereho ikuzo rya DATA kandi abereho ibyiza bye mu Isi yose.

Mwene Muntu rero yaje mu Isi kugira ngo yuzuze byose kandi yaje mu Isi kugira ngo yururutse ububasha bwa DATA mu Isi yose kandi yururutse ibyiza bya DATA mu Isi, kuko yahanzwe mu ishusho ya DATA kandi agahangwa n'urukundo rwe, bityo akaba agomba gutura iteka mu rukundo rwa DATA kandi akaba agomba gutura iteka mu mahoro ya DATA, agomba kumuha gukomera kandi agomba kumuha kubaha ndetse no kubaha ijambo rya DATA mu buzima bwe bwa buri munsi ; ibikorwa rero byacu bigomba kwigaragaza kandi ububasha bwacu bukomeye bugomba kuvugurura Isi yose kandi bukavuyanga ikibi cyose cy'umwanzi mu Isi, bityo integuro yacu ikagaragara kandi ibikorwa byacu bikomeye n'imyanya yabyo bikagaragara kandi bigashyirwa mu buzima bwa Mwene Muntu, aho Mwene Muntu agomba kubaho mu ituze kandi aho Mwene Muntu agomba kubaho mu byishimo kandi akabaho mu mahoro, asingiza urukundo rwa DATA kandi asingiza ubuhangange bwa

DATA, buhangara byose kandi bugahangamura imitego yose ya Luciferi kandi bugahangamura ibikorwa byose bya Luciferi.

Ni igihe cyo kugira ngo imbaraga zose z'umwanzi rero ziribatwe kandi ni igihe cyo kugira ngo ibikorwa byose umwanzi yashyizeho kandi yubatse bisenywe byigizweho bityo hagaragare urukundo rwa DATA kandi humvikane imbaraga ze z'umutsindo, zigomba kumenyekana kandi zigomba kuvugurura byose mu Isi kuko Isi yose igomba kubaho mu bubasha bwa DATA kandi Isi yose ikabaho mu bikorwa by'uburumbuke bukomoka muri DATA kandi bukomoka mu buziranenge bwe ; ni igihe rero cyo kuvugurura byose mu Isi yose kandi ni igihe cyo kugaragaza ukuri gusendereye kandi kugaragaza integuro ya DATA kuri buri kiremwa cyose kiri mu Isi, kuko ububasha bwa DATA bugomba kumvikana kandi imbaraga ze z'agatangaza zikigaragaza kandi zikavugurura byose mu buzima bwa Mwene Muntu, kuko ibikorwa byose bya Muntu kandi ibikorwa byose by'urunturuntu bigomba kurangira mu buzima bwa Muntu, bityo hakumvikana ububasha bwa DATA kandi hakumvikana imbaraga ze z'umutsindo, zuzuza byose kandi zinoza byose mu rugendo rwa Mwene Muntu kandi mu ituze Mwene Muntu agomba kwisangamo kandi agomba kubamo iminsi yose, kuko ibikorwa bya DATA ari byo bigomba guhindura byose kandi ibikorwa bya DATA bikumvikanisha ububasha bukomeye mu buzima bwa Mwene Muntu.

Ni byinshi rero dukomeje gufunga muri ibi bihe kandi ni byinshi dukomeje kurangiza mu Isi kugira ngo dufunge uruziga rwose rw'ikibi cy'umwanzi kandi duhagarike ibikorwa byose by'umwanzi, bityo hatangire ibikorwa byacu mu Isi yose kandi hagaragare ububasha bwacu mu Isi, bwaje kuvugurura byose kandi bwaje kugaragaza byose kuko ari igihe cyo gutera hejuru byose kandi akaba ari igihe cyo kugaragaza umutsindo wacu mu Isi yose, mu bikorwa bifatika kandi mu bikorwa bigaragara bigomba kumenywa na buri wese kandi bigomba kwakirwa na buri wese mu buzima bwe, bityo buri wese akajya ku kigero cy'ibyo DATA yifuza kandi akajya ku rugero rw'icyo DATA amutegurira kandi amwifuzaho kuko nta busumbane bugomba kongera kubaho mu Isi kandi nta gusonza kwa Mwene Muntu kongera kubaho mu Isi, kuko byose bigomba kuvugururwa kandi byose bigomba gukorwa mu bubasha ndetse n'ibyiza bya DATA twamanuye mu Isi yose akaba ari byo bitunga Mwene Muntu kandi bimuzanira ibyishimo kandi bikamusendereza amahoro y'urukundo rwa DATA.

Byose rero bigomba kuzuzwa mu bubasha bwa DATA kandi byose bigomba kuzuzwa mu nteguro ye kuko hari byinshi bigomba gufungwa kandi hari byinshi bigomba kuzuzwa kugira ngo Isi yose ibeshweho n'urukundo rwacu kandi Isi yose ibeshweho n'ibyiza DATA yateguye kandi yayizigamiye bigomba kururutswa mu Isi kandi bigomba kuza mu buzima bwa Mwene Muntu kugira ngo abeho mu rukundo rwacu kandi abeho mu byiza byacu iminsi yose kandi ibihe byose.

Ni ibikorwa rero by'igihe kirekire bigomba gusohozwa kandi ni ibikorwa by'igihe kirekire bigomba kubumburirwa Mwene Muntu kugira ngo yumve ko DATA yabumbuye byose ku buzima bwe kandi yarambuye igitabo cy'amateka mashya ku buzima bwe, bityo rero urukundo rwa DATA rukaba rugomba kugaragara kandi rukaba rugomba kumvikana mu buzima bwa Mwene Muntu, mu buryo buha Mwene Muntu ibyiza kandi mu buryo busubiza Mwene Muntu ibyishimo yanyazwe n'umwanzi bityo akaba agomba kubaho mu mudendezo kandi akaba agomba kuba mu bwisanzure bw'ibikorwa bya DATA kandi mu bwisanzure bw'ububasha bw'ibyiza bya DATA byururukirijwe mu Isi yose kandi dukomeje kururutsa kugeza kuri uyu munsi, kuko hari byinshi bigomba kumvikana kandi bigomba kugaragara mu buzima bwa Mwene Muntu, mu buryo buhoraho kandi mu buryo butavogerwa n'umwanzi, kuko ituze n'amahoro bigomba kuranga Isi yose kandi bigomba kuvugurura ubuzima bw'ikiremwa muntu mu buryo bugaragara kandi mu buryo bwumvikana.

Amahoro muri byose, ibihe byiza, kugubwa neza, ni ibikorwa twiyoboreye kandi ni ibikorwa mpagarikiye mu Isi, mu gusakaza hose ububasha kandi mu gusakaza hose ivugurura, kugira ngo ibyiza bya DATA byumvikane kandi bimenyekane mu Isi, mu buryo bwuzuye kandi mu buryo bw'integuro n'ibikorwa, bigomba kugaragara kandi bigomba kugaragarira ikiremwa muntu kandi bigomba kuzuzwa mu buryo bwihuse, budatinze.

AMAHORO MURI BYOSE, IBIHE BYIZA, KUGUBWA NEZA, NDI MUTAGATIFU SAINT GERMAIN, IBYIZA BY'UHORAHO IMANA NIBIKOMEZE KUBIGARAGARIZA, BIREMWA BYA DATA, KANDI MUKOMEZE KUBIBAMO IMINSI YOSE N'IBIHE BYOSE, AMAHORO, AMAHORO !!!